**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO: TB NGOMA**

**P.O.B: 662 BUTARE**

**E-mail:** tbngoma@yahoo.fr

**ITEGEKO No.27 Prés TB. NGOMA/2021 RYA PEREZIDA RIHATIRA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI KUZA KUBURANA URUBANZA RWE**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'umwe (2021), umunsi wa 23, ukwezi kwa UGUSHYINGO;

Twebwe NKURUNZIZA Pierre Claver, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Ngoma, dufashijwe na MUNYESHURI Claudine, Umwanditsi muri urwo Rukiko, Tumaze kubona urubanza RC 00147/2021/TB/NGO haburana URAMUKIWE Claire arega RUBANGISA Alexis ruzakorerwa umuhango wo kunga abashakanye kuwa 24/01/2022 saa mbili za mugitondo ; tumaze kubona ko RUBANGISA Alexis adafite aho abarizwa cyangwa aho aba hazwi mu Rwanda cyangwa mu mahanga;

Dushingiye ku ngingo ya 45,46, n'iya 49 y'Itegeko no 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Dutegetse ko ihamagara rya RUBANGISA Alexis rimanikwa ku Rukiko rw'Ibanze rwa Ngoma ahagenewe kumanikwa amatangazo.

Rizamanikwa kandi ku byicaro by'Inkiko zisumbuye zose z'u Rwanda mu gihe cy'amezi abiri(2;
Kopi y'iri hamagara azayisanga mu bwanditsi bw'Urukiko rw'Ibanze rwa Ngoma.
Iri tegeko ritangajwe ku rubuga rw'urwego rw'ubucamanza

Bikorewe mu biro byacu ku munsi , ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru

NKURUNZIZA Pierre Claver

**Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Ngoma**

MUNYESHURI Claudine

**Umwanditsi W'urukiko**